PRAYER
316

# Nsenga Gute?

**Mvugana n'Imana Gute?** Gusenga ni ukuvugana n'Imana. Bibiliya ni uburyo Imana ivuganamo natwe. Menya icyo Bibiliya itubwira ku byerekeye gusenga. *"Nuko ari ahantu hamwe asenga* [Yesu] *arangije umwe mu bigishwa be aramubwira ati "Databuja, twigishe gusenga,""* Luka 11:1. Senga iryo sengesho. Inyigisho ya Bibiliya ku isengesho rikubiyemo guhimbaza, gushima, kwatura, no gutanga ibyifuzo. Kuzamura amashimwe, kubaha, no guha Imana icyubahiro, Zaburi 34:1-3. *"Gutambira Imana iteka igitambo cy'ishimwe,"* Abaheburayo 13:15. Gushima kubera ibyo Yakoze. *"Ni byiza gushima Uwiteka,"* Zaburi 92:1. Kwatura kubera ibyaha byacu. *"Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose."* 1 Yohana 1:9. Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose. *"Ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana mubisabiye, mubyingingiye, mushima,"* Abafilipi 4:6. Gusaba Imana kuguha ibyo ukeneye mu buryo bw'umwuka n'umubiri biri mu Isengesho ry'Umwami ryo muri Matayo 6:9-13. Gusenga ni amahirwe n'umwanya bidasanzwe kuri wowe kugira ngo uvugane n'Imana nzima. *"Amaso y'Uwiteka ari ku bakiranutsi, N'amatwi ye ari ku gutaka kwabo."* Zaburi 34:15. *"Ni cyo gituma umukunzi wawe wese akwiriye kugusengera igihe wabonerwamo,"* Zaburi 32:6.

**Nkwiriye gusengera he?** Ni byiza gusengera mu nyubako z'amadini no mu biterane. Ariko, Yesu yaravuze ngo, *"Imana ni Umwuka, n'abayisenga bakwiriye kuyisengera mu Mwuka no mu kuri,"* Yohana 4:24. Isengesho ryiza ntirishingira ku hantu uri. Yesu yaravuze ngo, *"Nimusenga ntimukamere nk'indyarya, kuko bakunda gusenga bahagaze mu masinagogi no mu nzira ngo abantu babarebe. Ndababwira ukuri yuko bamaze kugororerwa ingororano zabo. Wehoho nusenga ujye winjira mu nzu ubanze ukinge urugi, uhereko usenge So mwihereranye. Nuko So ureba ibyiherereye azakugororera."* Matayo 6:5-6. Isengesho ryiza ntirishingira ku hantu urisengeye. Biterwa n'uko umutima wawe umeze. Sengera mu ruhame. Senga wenyine.

**Nasenga Mfukamye?** Yesu, Pawulo, na Daniyeli barabikoze, Luka 22:41, Ibyakozwe n'intumwa 20:36, na Daniyeli 6:10. Senga upfukamye. Ariko, hari abandi bavugwa muri Bibiliya basenze bahagaze, bareba hejuru, barambuye ibiganza cyangwa babimanitse hejuru, bunamye hasi, cyangwa bareba ku rukuta. Uburyo bwose wakwifatamo usenga bugira akamaro iyo buhuye n'uko umutima wawe umeze.

**Nasenga gute?** *Uko* wasenga ni ingenzi, ndetse ni ingenzi cyane kuruta *ibyo* wasengera. Isengesho rishingiye kuri Bibiliya ni ukubwira Imana weruye ibiri ku ndiba y'umutima wawe. Nta magambo, interuro ngufi, cyangwa interuro ndende byihariye wakoresha usenga cyangwa wavuga kugira ngo Imana iguhe icyo wayisabye. Mu bujyanama n'ingero zo muri Bibiliya harimo gusenga:

- N'umutima ushima, 1 Abatesalonike 5:18.
- Mu kuri, atari umuhango Yesaya 29:13.
- Udasubiramo amagambo atari ngombwa, Matayo 6:7.
- Mu buryo bweruye, butaziguye, kandi bw'ukuri, Yesaya 37:14-17.
- Mu kwitanga no gushikama, Abakolosayi 4:2, Luka 11:5-10, 18:1-8.
- Ushishikaye, ubudasiba, 1 Abatesalonike 5:17.
- N'umwete, Abaroma 15:30.
- Mu bumwe n'abandi Bizeye, Matayo 18:19-20, 1 Timoteyo 2:8.
- Mu kwizera gukomeye, Yakobo 1:6-7, Abaheburayo 11:6.
- Bijyanye n'ubushake bw'Imana, Yohana 15:7, 1 Yohana 5:14-15.
- Mu izina rya Yesu, mu bushake Bwe nk'umuhagarariye, Yohana 14:13, 15:16.

**Ni iki nasengera?** Mu isengesho ry'Umwami, Yesu yigishije abigishwa be gusengera ibyo bakenera buri munsi mu buryo bw'umubiri n'ubw'umwuka. Mu isengesho Rye ryo muri Yohana 17, Yesu yarisengeye, asengera abigishwa Be, n'isi yose Yesu yasezeranyije ko isengesho ryo kwizerwa, rihuye n'ubushake Bwe, ryeguriwe Data, mu izina Rye risubizwa, Yohana 15:7, 16, 16:23, 1 Yohana 5:14-15. Izindi nama n'ingero byo muri Bibiliya ku byo wasengera harimo:

Ubwenge, Yakobo 1:5, 2 Ngoma 1:7-12.

Gutunganirwa mu buryo bw'umwuka, Abakolosayi 1:9-12.

Abakurenganya, Luka 6:28.

Gukira, birashoboka, Yakobo 5:14-15, ariko atari kuri buri wese, 2 Abakorinto 12:7-9.

Buri wese, Abefeso 6:18, Yakobo 5:16.

Abayobozi b'igihugu cyawe, 1 Timoteyo 2:1-2.

Ibyokurya byawe, Matayo 6:11, Mariko 6:41, 8:6-7.

Abashaka Kristo, Abaroma 10:1.

Abakozi babwiriza Ubutumwa bwiza, Matayo 9:37-38.

Gukinguka kw'amarembo y'Ubutumwa bwiza, Abakolosayi 4:3-4.

**Imana yumva kandi igasubiza amasengesho yawe.** Uzuza ibyo Imana igusaba mu gusenga na Yo izagusubiza. Igisubizo cy'Imana gishobora kuba *yego, yego itinze,* cyangwa *oya.* Ishobora kuguha ibirenze ibyo usaba cyangwa utekereza, Abefeso 3:20. Imana kugusubiza yego itinze bishobora kubaho kugira ngo ibanze ikubake cyangwa yubake abandi ku rwego muzabasha kwakira ibisubizo byayo. Cyangwa se igisubizo cyayo kikaba *oya.* Senga wizeye Imana kandi wiringiye ko izagusubiza.

Ibigutera gusenga bifite akamaro. *"murasaba ntimuhabwe kuko musaba nabi mushaka kubyayisha irari ryanyu ribi."* Yakobo 4:3.

Mugabo, fata umugore wawe neza. Bibiliya yigisha ko umugabo agomba gukunda umugore we nk'uko Kristo yakunze itorero, kumwitaho, kumwumva, no kumwubaha nk'uraganwa na we ubuntu bw'ubugingo, *"Kugira ngo amasengesho yanyu ye kugira inkomyi,"* 1 Petero 3:7.

Babarira abandi. Kutababarira biba inkomyi y'amasengesho yawe. Imbabazi uha abandi zerekana imbabazi wakwitega ku Mana, Mariko 11:25, Matayo 5:23-24, 6:12-15. Ube umukiranutsi.

Utunganire Imana mu buryo bw'umwuka ni bwo n'amasengesho yawe azakora ibintu byinshi. *"Gusenga k'umukiranutsi kuramunezeza,"* Imigani 15:8. Ariko, iyo umuntu aretse amategeko y'Uwiteka, *"Gusenga kwe na ko ni ikizira,"* Imigani 28:9. Imana irakurinda, ikagutegura, kandi ikagutunganya. Kutagusubiza no gutinda kugusubiza bishobora kukubera byiza.

Imana irakurinda no mu gihe utazi ko ibyo uri gusaba byakugirira nabi. Imana ikuzi neza kurusha uko wiyizi. Rimwe na rimwe, Imana ivuga oya kuko izi ahazaza hawe ikanamenya icyakubera cyiza. Rimwe na rimwe gutinda gusubizwa bibaho kugira ngo ugire umwanya wo kwitegurira igisubizo cy'Imana. Rimwe na rimwe kutagusubiza cyangwa gutinda kugusubiza Imana ibikora kugira ngo ikomeza kwizera kwawe. Emera ibisubizo by'Imana ufite kwizera no gushima. Imana izi ibyo ikora. Vugana n'Imana. Irakumva. Senga!

**"Mu bibaho byose muhore mushima, kuko ari byo Imana ibashakaho muri Kristo Yesu." 1 Abatesalonike 5:18**

---

*Nsenga Gute?* © 2026 ubutumwa bwa John D. Morris III bwasohowe na Acts One Eight. Ubu butumwa ushobora kubusohora ku mpapuro, gukora kopi yabwo, kubutangaza ku mbuga nkoranyambaga, kuri email, cyangwa kubukoresha utabuhinduye kandi buri kumwe n'uru ruhushya. Ushobora kongeraho izina ry'umuryango wawe w'ivugabutumwa cyangwa ry'itorero, cyangwa se ugashyiraho ikirango cyawe ku rupapuro rwa mbere ahagana hejuru, ndetse ukongeraho na nomero yawe ya telefone hejuru ku murongo wabugenewe uri ku rupapuro rwa kabiri ahagana hasi. Prayer316 ni ubutumwa bushingiye kuri Bibiliya gusa. Buriho kugira ngo bufashe abantu gusenga no gukuza ubusabane bwabo n'Imana. Wakwandikira Acts One Eight (mu Cyongereza niba bishoboka) kuri: *Hello@Mail316.org*. Ubusemuzi bwakozwe na www.ChristianLingua.com. *Nsenga Gute?* ni ubutumwa buboneka mu ndimi 48 ku buntu kuri *www.Prayer316.org*. Imirongo yakoreshejwe mu Cyongereza yakuwe mu ngeri ya Bibiliya yitwa The Lockman Foundation's New American Standard Bible yo mu 1995. Imirongo ya Bibiliya yakoreshejwe muri ubu busemuzi yakuwe muri: Bibiliya Yera, Kinyarwanda, Bible Society of Rwanda, 1993, 2001.